<p>urwego akorera;</p> <p>(g) abangamira inyungu za NIDA;</p> <p>(h) atacyujuje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;</p> <p>(i) cyangwa apfuye.</p> <p>(2) Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NIDA avuye mu mwanya mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda</u></p> <p>Iyo hari ugize Inama y'Ubuyobozi ya NIDA ugiye kurangiza manda, Umuyobozi Mukuru wa NIDA abimenyeshya, mu nyandiko, Minisiteri ifite ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya mu nshingano, hasigaye nibura iminsi 90 ngo manda irangire.</p>	<p>institution for which he or she works;</p> <p>(g) he or she jeopardizes the interests of NIDA;</p> <p>(h) he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; or</p> <p>(i) he or she dies.</p> <p>(2) In case a member of the Board of Directors of NIDA ceases to be a member before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office.</p> <p><u>Article 14: Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire</u></p> <p>In case there is a member of the Board of Directors of NIDA whose term of office is about to expire, the Director General of NIDA notifies, in writing, the Ministry in charge of information, communication technology and innovation, at least 90 days before the expiry of the term of office.</p>	<p>laquelle il travaille ;</p> <p>(g) il compromet les intérêts de la NIDA ;</p> <p>(h) il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé; ou</p> <p>(i) il décède.</p> <p>(2) Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de la NIDA cesse d'être membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur.</p> <p><u>Article 14 : Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer</u></p> <p>Lorsqu'il y a un membre du Conseil d'Administration de la NIDA dont le mandat est sur le point d'expirer, le Directeur Général de la NIDA le notifie, par écrit, au ministère ayant la technologie de l'information et de la communication et l'innovation dans ses attributions, au moins 90 jours avant la fin du mandat.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo</p> <p>(1) Inama y’Inama y’Ubuyobozi ya NIDA iterana rimwe mu gihembwe n’igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy’abayigize.</p> <p>(2) Ubutumire na gahunda y’inama bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y’Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane.</p> <p>(3) icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu kugira ngo iterane.</p> <p>(4) Mu byigwa n’Inama y’Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy’umwaka, harimo kwemeza raporo y’imari n’iy’ibikorwa by’umwaka urangiye.</p>	<p><u>Article 15:</u> Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making</p> <p>(1) The meeting of the Board of Directors of NIDA is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Vice Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third of its members.</p> <p>(2) The invitation and the agenda of the meeting are submitted in writing to the members of the Board of Directors at least 15 days before the meeting is held.</p> <p>(3) However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three days before the meeting is held.</p> <p>(4) Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.</p>	<p><u>Article 15 :</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration et modalités de prise de décisions</p> <p>(1) La réunion du Conseil d’Administration de la NIDA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d’absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers au moins de ses membres.</p> <p>(2) L’invitation et l’ordre du jour sont adressés par écrit aux membres du Conseil d’Administration au moins 15 jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>(3) Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>(4) Sur les points à examiner par le Conseil d’Administration au cours du premier trimestre, figure l’approbation du rapport financier et du rapport d’activités de l’année précédente.</p>
---	---	--

<p>(5) Buri gihembwe, Inama y'Ubuyobozi ya NIDA isuzuma kandi raporo y'imari n'iy'ibikorwa zerekeranye n'igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza Minisiteri ifite ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya mu nshingano.</p> <p>(6) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize.</p> <p>(7) Umuyobozi Mukuru wa NIDA yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.</p> <p>(8) Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NIDA.</p>	<p>(5) In every quarter, the Board of Directors of NIDA examines also the financial and activity reports relating to the previous quarter and submit them to the Ministry in charge of information, communication, technology and innovation.</p> <p>(6) The quorum for a meeting of the Board of Directors is two thirds of its members.</p> <p>(7) The Director General of NIDA attends meetings of the Board of Directors.</p> <p>(8) Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of NIDA.</p>	<p>(5) Chaque trimestre, le Conseil d'Administration de la NIDA examine également le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les soumet au ministère ayant la technologie de l'information, communication et innovation dans ses attributions.</p> <p>(6) Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers de ses membres.</p> <p>(7) Le Directeur Général de la NIDA participe aux réunions du Conseil d'Administration.</p> <p>(8) Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de la NIDA.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi</u></p> <p>(1) Inama y'Ubuyobozi ya NIDA ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.</p>	<p><u>Article 16: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</u></p> <p>(1) The Board of Directors of NIDA may invite in its meeting a resource person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.</p>	<p><u>Article 16 : Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration</u></p> <p>(1) Le Conseil d'Administration de la NIDA peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.</p>

<p>(2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u></p> <p>(1) Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NIDA ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ifite ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi itanu.</p> <p>(2) Minisitiri ufite ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya mu nshingano atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi 15 kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho ibyo byemezo biba byemejwe burundu.</p>	<p>(2) The resource person is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda.</p> <p><u>Article 17: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors</u></p> <p>(1) A document of resolutions of the meeting of the Board of Directors of NIDA is signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the Ministry in charge of information, communication, technology and innovation within five days.</p> <p>(2) The Minister in charge of information, communication, technology and innovation gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within 15 days from receipt thereof. If this period expires before giving his or her views, those resolutions are considered definitively approved.</p>	<p>(2) La personne ressource n'est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour.</p> <p><u>Article 17 : Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration</u></p> <p>(1) Un document des résolutions du Conseil d'Administration de la NIDA est signé par ses membres immédiatement après la réunion et leur copie est transmise au ministère ayant la technologie de l'information et de la communication et l'innovation dans ses attributions endéans cinq jours.</p> <p>(2) Le ministre ayant la technologie de l'information, communication et innovation dans ses attributions donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration endéans 15 jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées.</p>
---	--	---

<p>(3) Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NIDA ishyirwaho umukono n'umuyobozi w'inama n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Minisiteri ifite ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi 15 guhera umunsi yemerejweho.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u></p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru wa NIDA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.</p> <p>(2) Umuyobozi Mukuru wa NIDA ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.</p>	<p>(3) The minutes of the meeting of the Board of Directors of NIDA are signed by the Chairperson of the meeting and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the Ministry in charge of information, communication, technology and innovation within 15 days from the date of approval.</p> <p><u>Article 18: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors</u></p> <p>(1) The Director General of NIDA serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision-making.</p> <p>(2) The Director General of NIDA does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors present at the meeting elect among themselves a rapporteur.</p>	<p>(3) Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de la NIDA est signé par le Président de la réunion et son rapporteur et approuvé à la réunion suivante. Une copie du procès-verbal est transmise au ministère ayant la technologie de l'information et de la communication et l'innovation dans ses attributions dans ses attributions endéans 15 jours à partir de la date de son approbation.</p> <p><u>Article 18 : Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration</u></p> <p>(1) Le Directeur Général de la NIDA est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions.</p> <p>(2) Le Directeur Général de la NIDA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration présents à la réunion élisent parmi eux un rapporteur.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 19: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa</u></p> <p>(1) Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NIDA afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, amenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho iyo nyungu ishingiye.</p> <p>(2) Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.</p> <p>(3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa Minisiteri ifite ikoranabuhanga mu itumanaho no guhanga ibishya mu nshingano ikabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi 30.</p>	<p><u>Article 19: Personal interest in issues on the agenda</u></p> <p>(1) A member of the Board of Directors of NIDA who has a direct or indirect interest in the issue to be considered, informs immediately the Board of Directors about where that interest lies.</p> <p>(2) A member of the Board of Directors who disclosed of his or her interest in the issue to be considered does not attend the meeting deliberating on that issue.</p> <p>(3) When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the Ministry in charge of information, communication, technology and innovation to decide thereon within 30 days.</p>	<p><u>Article 19 : Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour</u></p> <p>(1) Un membre du Conseil d'Administration de la NIDA qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, informe immédiatement le Conseil d'Administration où cet intérêt repose.</p> <p>(2) Un membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet.</p> <p>(3) Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis au ministère ayant la technologie de l'information et de la communication et l'innovation dans ses attributions pour décision endéans 30 jours.</p>
---	---	--

<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa</p> <p>Urwego Nshingwabikorwa rwa NIDA rugizwe n’Umuyobozi Mukuru. Rushobora kandi kugira Umuyobozi Mukuru Wungirije bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano z’inyongera z’Urwego Nshingwabikorwa</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n’Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa NIDA rufite inshingano z’inyongera zikurikira:</p> <p>(a) gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni bya NIDA;</p> <p>(b) gukora undi murimo rwahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ujyanye n’inshingano za NIDA.</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Ububasha n’inshingano by’Umuyobozi Mukuru</p> <p>(1) Umuyobozi Mukuru wa NIDA</p>	<p><u>Section 2: Executive Organ</u></p> <p><u>Article 20:</u> Composition of the Executive Organ</p> <p>The Executive Organ of NIDA is comprised of the Director General. It may also have a Deputy Director General when considered necessary.</p> <p><u>Article 21:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ</p> <p>Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of NIDA has the following additional responsibilities:</p> <p>(a) to monitor and coordinate daily activities of NIDA;</p> <p>(b) to perform any other duty falling within the responsibilities of NIDA as may be assigned to it by the Board of Directors.</p> <p><u>Article 22:</u> Powers and responsibilities of the Director General</p> <p>(1) The Director General of NIDA has</p>	<p><u>Section 2 : Organe Exécutif</u></p> <p><u>Article 20 :</u> Composition de l’Organe Exécutif</p> <p>L’Organe Exécutif de la NIDA est composé du Directeur Général. Il peut également avoir un Directeur Général Adjoint en cas de besoin.</p> <p><u>Article 21 :</u> Attributions additionnelles de l’Organe Exécutif</p> <p>Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l’Organe Exécutif de la NIDA a les attributions additionnelles suivantes :</p> <p>(a) assurer le suivi et coordonner des activités quotidiennes de la NIDA ;</p> <p>(b) effectuer toute autre tâche que le Conseil d’Administration peut lui confier relevant des attributions de la NIDA.</p> <p><u>Article 22 :</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général</p> <p>(1) Le Directeur Général de la NIDA</p>
--	---	---

<p>afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya NIDA akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya NIDA.</p> <p>(2) By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:</p> <p>(a) guhagararira NIDA imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;</p> <p>(b) kuba umuvugizi wa NIDA;</p> <p>(c) kugeza raporo y'ibikorwa bya NIDA ku Nama y'Ubuyobozi nibura rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;</p> <p>(d) gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;</p>	<p>the power of decision-making in the administrative and financial management of NIDA in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities of NIDA.</p> <p>(2) Specifically, the Director General has the following responsibilities:</p> <p>(a) to serve as the legal representative of NIDA and publicise its activities;</p> <p>(b) to serve as the spokesperson of NIDA;</p> <p>(c) to submit to the Board of Directors the activity report of NIDA at least once a quarter and whenever necessary;</p> <p>(d) to prepare and submit to the Board of Directors a draft action plan and a budget proposal for the following fiscal year as well as the report on the execution of the budget of the previous fiscal year;</p>	<p>dispose du pouvoir de la prise des décisions dans la gestion administrative et financière de NIDA conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de la NIDA.</p> <p>(2) En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes :</p> <p>(a) être le représentant légal de la NIDA et faire connaître ses activités ;</p> <p>(b) servir de porte-parole de la NIDA ;</p> <p>(c) transmettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités de la NIDA au moins une fois par trimestre et chaque fois que de besoin ;</p> <p>(d) élaborer et transmettre au Conseil d'Administration le plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent ;</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 13/12/2022

<p>(e) gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya NIDA;</p> <p>(f) gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa NIDA no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi;</p> <p>(g) gukurikirana ibikorwa byose bijyanye n'iyandikwa ry'abaturage n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(h) guhuza igenamigambi ry'ibikorwa byerekeye iyandikwa ry'abaturage, iyandikwa ry'irangamimerere, n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu;</p> <p>(i) kwemeza ubusabe bwo gutangaza, ku mpamvu z'ubushakashatsi, amakuru bwite y'abantu, hakurikijwe amategeko abigenga;</p>	<p>(e) to prepare the draft internal rules and regulations of NIDA;</p> <p>(f) to ensure the execution of the budget and management of the property of NIDA and submit related report to the Board of Directors;</p> <p>(g) to make a follow up of all activities relating to the population registration and issuance of the identity card at the national level;</p> <p>(h) to coordinate the planning of activities relating to population registration, civil registration, and issuance of identity card;</p> <p>(i) to approve requests for disclosures, for research purposes, of personal data information identifying individuals, in accordance with relevant legislation;</p>	<p>(e) préparer le projet de règlement d'ordre intérieur de la NIDA ;</p> <p>(f) assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de la NIDA et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration ;</p> <p>(g) faire un suivi de toutes les activités relatives à l'enregistrement de la population et à la délivrance de la carte d'identité au niveau national ;</p> <p>(h) coordonner la planification des activités relatives à l'enregistrement de la population, à l'enregistrement de l'état civil, et à la délivrance de la carte d'identité ;</p> <p>(i) approuver les demandes de divulgation, à des fins de recherche, de données personnelles identifiant des personnes, conformément à la législation en la matière ;</p>
--	--	--

<p>(j) gukora undi murimo yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ujyanye n’inshingano za NIDA.</p> <p><u>Ingingo ya 23: Inshingano z’Umuyobozi Mukuru Wungirije</u></p> <p>Umuyobozi Mukuru Wungirije wa NIDA afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kunganira Umuyobozi Mukuru no kumusimbura igihe adahari;</p> <p>(b) gukora undi murimo yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ujyanye n’inshingano za NIDA.</p>	<p>(j) to perform other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within the responsibilities of NIDA.</p> <p><u>Article 23: Responsibilities of the Deputy Director General</u></p> <p>The Deputy Director General of NIDA has the following responsibilities:</p> <p>(a) to assist the Director General and replace him or her in case of absence;</p> <p>(b) to perform any other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within the responsibilities of NIDA.</p>	<p>(j) effectuer toute autre tâche que le Conseil d’Administration peut lui confier relevant des attributions de la NIDA.</p> <p><u>Article 23: Attributions du Directeur Général Adjoint</u></p> <p>Le Directeur Général Adjoint de la NIDA a les attributions suivantes :</p> <p>(a) assister le Directeur Général et le remplacer en cas d’absence ;</p> <p>(b) effectuer toute autre tâche relevant des attributions de la NIDA que le Conseil d’Administration peut lui confier.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N’IMARI</u></p> <p><u>Ingingo ya 24: Umutungo n’inkomoko yawo</u></p> <p>(1) Umutungo wa NIDA ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.</p> <p>(2) Umutungo wa NIDA ukomoka kuri</p>	<p><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u></p> <p><u>Article 24: Property and its sources</u></p> <p>(1) The property of NIDA is comprised of movable and immovable assets.</p> <p>(2) The property of NIDA derives from</p>	<p><u>CHAPITRE IV : PATRIMOINE ET FINANCES</u></p> <p><u>Article 24 : Patrimoine et ses sources</u></p> <p>(1) Le patrimoine de la NIDA est composé de biens meubles et immeubles.</p> <p>(2) Le patrimoine de la NIDA provient</p>

<p>ibi bikurikira:</p> <p>(a) ingengo y'imari igenerwa na Leta;</p> <p>(b) inkunga z'abafatanyabikorwa;</p> <p>(c) ibituruka ku mirimo ikora;</p> <p>(d) inyungu zikomoka ku mutungo wayo;</p> <p>(e) inguzanyo zihabwa NIDA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;</p> <p>(f) impano n'indangano.</p>	<p>the following sources:</p> <p>(a) State budget allocations;</p> <p>(b) partners' subsidies;</p> <p>(c) income from services rendered;</p> <p>(d) interests from its property;</p> <p>(e) loans granted to NIDA as approved by the Minister in charge of finance;</p> <p>(f) donations and bequests.</p>	<p>des sources suivantes :</p> <p>(a) les allocations budgétaires de l'État ;</p> <p>(b) les subventions des partenaires;</p> <p>(c) les revenus des services prestés;</p> <p>(d) les intérêts de son patrimoine ;</p> <p>(e) les prêts accordés à la NIDA approuvés par le ministre ayant les finances dans ses attributions ;</p> <p>(f) les dons et les legs.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Ingingo y'imari</u></p> <p>NIDA itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p><u>Article 25: Budget</u></p> <p>NIDA prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority.</p>	<p><u>Article 25 : Budget</u></p> <p>NIDA prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 26: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p> <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri</p>	<p><u>Article 26: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of</p>	<p><u>Article 26 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le</p>

Official Gazette n° Special of 13/12/2022

<p>w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no Guhanga Ibishya na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Ingingo y'ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 08/06/2022.</p>	<p>Information, Communication, Technology and Innovation and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 27: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 28: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 08/06/2022.</p>	<p>Ministre de la Technologie de l'Information et de la Communication et l'Innovation et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 27 : Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 28 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 08/06/2022.</p>
--	---	---

Kigali, 09/12/2022

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux